REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
TEL : (250) 8 3525
FAX : (250) 8 3518.

# RAPORO Y'UBUTUMWA

## 1. Intego y'ubutumwa :

Guserukira u Rwanda mu nama mpuzamahanga ya cumi ya Komite y'ibihugu bigize Umuryango w'abibumbye Wita k'Uburezi Ubuhanga n'Umuco ku byerekeye guteza imbere isubizwa ry'umutungo gakondo mu bihugu ukomokamo.

## 2. Ahantu, itariki n'abitabiriye iyo nama

Iyo nama igira cumi ya komite yateraniye ku cy'icyaro cya UNESCO, i Paris mu Bufaransa kuva tariki ya 25 kugeza ku ya 28 Mutarama 1999. Iyo nama yari yitabiriwe n'ibihugu 19 kuri 22 bigize komite; intumwa zivuye mu bihugu 59 bigize uwo muryango n'intumwa 20 zihagarariye Imiryango Mpuzamahanga Itegamiye Leta.

## 3. Gufungura k'umugaragaro kw'inama

Uhagarariye Umuyobozi Mukuru wa UNESCO, Umuyobozi w'Ishami"Umurage Gakondo" niwe wafunguye kumugaragaro imirimo y'iyo nama, aho yanahaye ikaze ibihugu n'imiryango yayitabiriye.

Afungura iyo nama ijyanye n'isubizwa ry'umurage gakondo mu bihugu ukomokamo,Umuyobozi w'Ishami Umurage Gakondo muri UNESCO yibukije ibikorwa binyuranye uwo muryango wagezeho mu kurwanya ubwibyi n'ihererekanywa ry'umurage gakondo mu buryo budahwitse; aha yagaragaje ingero zitari nke ry'isubizwa ry'uwo murage gakondo mu bihugu ukomokamo, anavuga ishyirwaho umukono ry'ibihugu bimwe ku masazerano yiswe yo 1970; yanavuze k'ubufatanye bw'umuryango UNESCO n'ibihugu biwugize ndetse n'indi Miryango Mpuzamahango ifite mu nshingano zayo, umurage gakondo; aha yavuze nka ICOM, INTERPOL,UNIDROIT n'iyindi.... By'umwihariko yavuze ko ICOM ifatanyije na UNESCO byateguye, haba muri Afurika haba n'ahandi, amahugurwa ku iherekanya mu buryo butaboneye bw'umurage gakondo.

Yanagarutse kenshi ku ngingo yo gushyira umukono ku masezerano ajyanye n'ingamba zafatwa mu kubuza iyinjizwa, isohorwa n'ihererekanywa ry'umurage gakondo; ( Convention relative aux mesures à perendre pour interdire et empêcher l'impotation, l'exportation et le transfert de biens culturel, Paris, 14/11/1970). Ibi yabivugiye yuko ibihugu 89 aribyo gusa byashyize umukono kuri aya masezerano kandi byari ngombwa kuri byose.

Mw'ijambo rye yanakanguriye cyane cyane urubyiriko mu kumenya agaciro no kurengera umurage gakondo, umutungo ndatsimburwa.

## 4. <u>Kwemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa</u>

Gahunda y'ibyari ku murongo w'ibyigwa yemejwe byinshi byari biteganyijwe byahindutse. Dore uko yari iteye:

**Ku wa mbere tariki ya 25 Mutarama 1999**

1. Gufungura inama ku mugaragaro
2. Kwemeza gahunda y'ibiri ku murongo w'ibyigwa
3. Gutora abagize biro ( élection du bureau)
4. Raporo y'ubunyamabanga
5. Inzira iboneye yakoreshwa na bose bashaka umurage gakondo wabo
6. marbres de parthénon( Grèce - Rayaume-Uni)
7. Sphinx de Boguskoy
8. Ijambo rya Perezida w'Umuryango ICOM
9. Ijambo ry'Uhagarariye INTERPOL
10. Ijambo ry'Uhagarariye Savannah College of Art and Design (SCAD, USA).
11. Kwemeza ikiranga ntego cy'amasezerano yo 1970.

**ku wa kabiri, tariki ya 26 Mutarama 1999.**

12. Ijambo ry'intumwa ya Azerbaïdjan
13. Ijambo ry'intumwa ya Cambodge
14. Ijambo ry'uhagarariye Gett and information Programme "Databases and objet-ID"
15. Ubutumwa bw'uhagarariye UNDROIT
16. Ubutumwa bwa "International Bar Association"
17. Ijambo ry'Abahagarariye Leta Zunze Ubumwe z'Amerika na Canada ku bijyanye n'ingamba zafatwa mu gushyira mu bikorwa amasezerano yo 1970.

**Ku wa gatatu tariki ya 27 Mutarama 1999**

18. Ijambo ry'Ubunyamabanga
19. Inama zakozwe na UNESCO muri Repubulika Iharanira Rubanda

y'Ubushinwa mu 1998

20. Kwerekana kuri cassettes vidéo, inama yabereye muri Tuniziya
21. Ijambo ry'uhagarariye Tuniziya
22. Inyandiko zakozwe n'ubunyamabanga ku bijyanye no kubuza ihererekanywa ry'umurage gakondo.
23. Uburyo bwo kurema (gushyiraho) ikigega cyafasha mukugaruza umutungo kamere mu bihugu ukomokamo.
25. Umurage wagenderwaho mu gukemura amakimbirane ajyanye n'umutungo kamere wanyanzwe mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi.

**Ku wa kane tariki ya 28 Mutarama 1999**

26. Gahunda yo kwizihiza imyaka 20 Amasezerano yo 1970 ashyizweho umukono
27. Ahantu n'itariki inama ya cumi n'imwe izabera.
28. Imirimo izakorwa mu kwizihiza imyaka 20 ya Komite Mpuzamahanga ku byerekeye guteza imbere isubizwa ry'umurage gakondo mu bihugu ukomokamo.
29. Gutumira mu nama ya 11 ya Komite Mpuzamahanga ku byerekeye guteza imbere isubizwa ry'umurage gakondo mu bihugu ukomokamo.
30. Kwemeza ibyifuzo (adoption des recommandations)
31. Imihango yo gusoza inama.

**5. <u>Gutora abagize Biro</u>**

Nyuma y'ijambo ry'uhagarariye UNESCO, Bwana David Walden, Umuyobozi wa Komisiyo ya Canada Ishinzwe Ibibazo by'Isohorwa ry'Umurage Gakondo, niwe wongeye gutorerwa kuba Perezida wa Komite. Hanyuma haje gutorwa na none abamwungirije babiri n'umwanditsi umwe.

**6. <u>Ibiri ku murongo w'ibyigwa</u>**

- Ubunyamabanga bwagaragaje inyandiko bwasohoye yari ishingiye ku bikorwa bitatu by'ingenzi :

- Gufasha ibihugu bibiri byifuza gusubiza no kwakira umurage gakondo.
- Ubutwererane Mpuzamahanga bugamije guca ihererekanywa ry'umurage gakondo mu buryo budahwitse.
- Ihererekanywa ry'amakuru (umugereka wa 1)

- Inzira iboneye yakoreshwa na bose bashaka kugaruza umurage gakondo wabo : Aha twavuga ko iyo nzira ari umushinga w'uburyo buboneye bwakoreshwa na bose bashaka kugaruza umutungo kamere wabo. Umuyobozi Mukuru wa UNESCO yihanangirije cyane ibihugu byose bigize uwo muryango kugaragaza ibitekerezo byabo kuri uwo mushinga.

- Ku bijyanye na Marbres du Parthénon, intumwa z'ubugiriki ni z'Ubwongereza zirebwa n'icyo kibazo zagaragaje icyo zitekereza kuri iyo marbres kuri none iri mu Ngoro "British Museum". Icyagaragaye ni uko ari ntacyahindutse kuva inama ya 9 ya Komite igezwaho icyo kibazo. Intumwa y'Ubwongereza yagaragaje ko Ingoro "British Museum" idashobora gutanga izo marbres; ahubwo yagejeje kuri Komite igitekerezo yuko uyu mwaka hateganijwe amahugurwa n'ibiganiro by'ukuntu izo marbres zacungwa mu buryo buboneye.

- Ku kibazo cya Sphnix de Boguskoy iri Berlin mu Budage kuri none n'uko, intumwa y'Ubudage yahamije ko igihugu cye kimaze kuganira inshuro nyinshi ndetse kikaba kimaze gusubiza igihugu cya Turquie ibintu (Umurage Gakondo) byinshi. Ati icyo azi kuri sphinx n'uko inshyingura-nyandiko (Archives) zigaragaza ko iyo sphinx ari umutungo w'igihugu cye. Ubudage bwakomeje umurongo wabwo wo kwiyitirira iyo sphinx.

- Umuyobozi mushya wa ICOM yamenyesheje abari mu nama ibyo Umuryango we umaze kugeraho mu kubungabunga no mu kubuza ihererekanywa mu buryo budahwitse ry'umutungo gakondo.

- Uhagarariye INTERPOL yatanze raporo y'uruhare rw'uwo muryango mu kubuza ihererekanywa ry'umurage gakondo. Yavuze ko uwo muryango umaze gukoresha amanama, amahugurwa k'ubwibyi n'ihererekanywa ritaboneye ry'umurage gakondo. Yanavuze ko umuryango we ufite uburyo buhagije za bases de données informatisées kandi ukaba warahererekanije amakuru k'ubushakashatsi n'ubwibyi bukorerwa umurage gakondo.

- Uhagarariye Savannah Collegeof Art and Design (SCAD,USA) yashyigikiye byimazeyo irushanwa ry'ikirangantego kiranga amasezerano yo 1970 arengera umurage gakondo. Iryo rushanwa ryahamagariwe abanyeshuri bo mu bihugu bigize Umuryango UNESCO, abazaritsinda bakazahembwa. Ni muri urwo rwego yashyikirije Ubunyamabanga ibahasha irimo 2000 $ zo gushishikariza urubyiruko iryo rushanwa.

Itariki ya 26 Mutarama yaranzwe n'ibikorwa bine by'ingenzi :

Icya mbere: Ijambo rya Minisitiri w'Umuco, intumwa y'igihugu cy'Azerbaïdjan yavuze ko abantu basaga miliyoni mu gihugu cye bavanywe mu byabo kubera imvururu n'intambara bityo ibintu byinshi bigize umurage gakondo w'igihugu cye urasahurwa. Ibyo byatumye igihugu cye gitakira UNESCO n'imiryango nka ICOM kugira ngo ishobore kuyifasha mu kurengera uwo mutungo ndatsimburwa.

Mu 1994 byatumye UNESCO yohereza muri icyo gihugu impuguke muri urwo rwego.

Mu 1997 icyo gihugu cyohereje urutonde rw'ibintu byibwe kugira ngo aho byaboneka ku masoko yabugenewe (Maisons d'Art) no mu Ngoro Ndangamuco (Musées) bishobore gufatwa. Icyo gihugu na none cyasabye UNESCO gucunga no kurengera inzibutso (monuments) n'ibindi byiza ndangamuco.

Kubera yuko uwo Minisitiri yasaga nutunga agatoki Armeniya kuba yarakoze ibyo bikorwa by'ubwibyi, kwangiza n'itsembabwoko, intumwa y'Armeniya yasubije itangazwa n'ukuntu igihugu cye giciriwe igico bigeze aho. Yasabye UNESCO kuzohereza impuguke mu gihugu cye kugira ngo zizimenyere aho ukuri guherereye.

Mukurangiza izo mpaka Madame Lyndel Prott, Umuyobozi w'Ishami Umurage Gakondo muri UNESCO yavuze ko UNESCO yagennye mu 1997 ndetse no mu 1998, imfashanyo yabafasha mu kubarura ibintu byose byibwe.

Nyuma y'izo mpaka ndende, hakurikiyeho isomwa rya raporo y'ubutumwa bw'intumwa za UNESCO muri Cambodge. Muri make izo ntumwa zari zijyanywe no kureba ukuntu urusengero rw'i Baray (Temple de Baray) rwibasiwe n'ubugizi bwa nabi n'ubusahuzi.

Urwo rusengero (rwo mu kinyejana cya 13) rwari rufashwe nka kimwe mu bigo ndangamuco byaho muri Cambogde, nyamara kuri none rwahinduwe isenga ry'abanzi b'umuco bahakorera fouilles clandestines ; amabuye meza abajwe yari arugize akaba atakigerekeranyijwe nkuko byari bisanzwe ; ayandi yarimo yaramenaguwe ngo bakuremo amabuye y'agaciro yari abumbiwemo. Ntibyarangiriye aho, ubwo busahuzi, bwakurikiwe n'icuruzwa ry'inyandiko zabaga muri iyo ngoro.

Intumwa y'Ubuholandi yavuze ko mu byari muri iyo ngoro igihugu cye gifite cyiyemeje kubisubiza ndetse yavuze ko biri muri dépôt i Rotterdam.

Intumwa ya Cambodge yongeye gutakira amahanga ngo afashe igihugu cye kurinda no kurengera Umurage Gakondo wacyo.

Umuyobozi w'Ishami Umurage Gakondo muri UNESCO yagejeje kubari mu nama Raporo y'ubutumwa yarimo mu gihugu cya Afganistani ndetse n'ibyifuzo byatanzwe n'Umuyobozi Mukuru w'uwo muryango murugendo yari aherukamo aho muri Afganistani.

Ibyo byifuzo bijyanye :
- gukora amahugurwa y'abakozi
- gushishikariza amahanga ukuntu umurage gakondo wicyo guhugu wangizwa bityo akabafasha kuwucunga no kuwurengera. Ni muri urwo rwego intumwa y'Ubutaliyani yamenyesheje abari mu nama ko Leta ye yafashishije icyo gihugu 100.000$

kugira ngo itunganye ibyo bibazo. Intumwa y'Ubugiriki yo yemeye kuzaha icyo gihugu amashusho y'ibintu byabo.

Nyuma y'ubwo butumwa ibihugu bimwe byagejeje kuri Comité, imishyikirano ikorwa kugira ngo ibintu kamere bisubizwe ibihugu bikomokamo :

- Imishyikirano hagati ya Namibiya n'Ubudage mu gusubizwa "Umusaraba wa Diego Cao" (retour de la Croix de Diego Cao).
- Imishyikirano hagati y'Ubugiriki n'Ingoro Ndangamuco y'Ubwongereza British Meseum ku kibazo cya Marbres du Parthénon.
- Imishyikirano hagati y'Ubugiriki na none n'Ubudage ndetse na Turikiya.

Nyuma y'icyo kiganiro, abari mu nama babwiwe iby'umushinga ID(Projet ID). Uwo mushinga ubereyeho guhuza amategeko mpuzamahanga mu gushushanya (description) ikintu kamere kugira ngo kizashobore kurangwa neza mu gihe cya kwibwa. Akaba ariyo mpamvu bihanangirije y'uko buri kintu kamere cyafotorwa kikanagaragaza ibikiranga neza kuko ubwibyi by'umutungo gakondo bwiyongereye cyane cyane muri iki gihe.

Kuri iyo ngingo intumwa y'Ubutaliyani yagaragaje uburyo bushya kabuhariwe kandi buhanitse bukoreshwa n'igihugu cye (modèle informatisé et plus complexe) mu kurondora ibintu byibwe. Yemeye gukorana na UNESCO no gutanga izo Logiciels. Inama yemeje ko ari ingirakamaro cyane kuri buri gihugu kumenya imvugo (amagambo) ikoreshwa na INTERPOL ugereranyije n'izindi bases de données zisanzwe.

Uhagarariye UNDROIT yavuze ko amasezerano yo 1995 yashyizweho umukono n'ibihugu 7 kandi akaba yaratangiye gukora tariki ya 7/07/1998.

Ubufaransa bwagaragaje ko bukomeje gushishikariza ibindi bihugu by'i Burayi gushyira umukono ku masezerano ya UNESCO yo 1970 ndetse n'aya UNDROIT yo 1995.

Uhagarariye UNESCO yagejeje ku bari mu nama amanama uwo muryango wakoresheje wonyine cyangwa ufatanyije na ICOM mu Bushinwa no muri Tuniziya. Ayo manama yerekanywe ku mashusho (diapositives na vidéo-clips).

Ubunyamabanga bwanatanze raporo y'ibimaze kugerwaho muri urwo rwego.

Abari mu nama banaganiriye ku nyandiko ebyiri zasohowe n'ubunyamabanga kubijyanye n'umurage gakondo (DOC CLT-99/CONF 203/INF8 na DOC CLT-99/CONF 203/2) ziri ku mugereka.

Umunsi wa nyuma wabaye uwo gutanga ibyifuzo no kubyemeza. Icyo twavuga n'uko kimwe mu byifuzo 9 byatanzwe, cyatanzwe n'u Rwanda gishyigikirwa n'ibihugu by'Afurika, Koreya y'Amajyepfo n'Ubutaliyani (ibyemezo by'ibyifuzo nabyo biri ku mugereka).

## 7. Ibyagezweho mu butumwa n'imigambi /résultats de la mission et prospections.

Twabonanye na

Umunsi wa nyuma w'ubutumwa bwacu wabaye uwo kubonana na bamwe mu bayobozi bakuru ba UNESCO, Ishami rishinzwe Umurage Gakondo n'Abayobozi ba ICOM. Abo twabonanye bose batwakiriinye ibyishimo banadutega yombi ubwo twabagezagaho ibyifuzo by'u Rwanda mu bijyanye no gucunga no kurengera Umurage Gakondo w'igihugu cyacu :

- Kubera umurage kamere w'igihugu cyacu wangijwe, undi urasahurwa twasabye abo bayobozi twaganiriye kudutera inkunga mu gusana umutungo ndatsimburwa w'igihugu cyacu mu rwego rw'amahugurwa ku bijyanye n'Ingoro Ndangamurage, icungwa ry'umurage gakondo ndetse n'ishishikarizwa ry'urubyiruko mu kurengera umurage gakondo w'igihugu cyacu.

- Twanabagejejeho icyifuzo cy'uko u Rwanda rufite abahugukiwe gucunga umurage gakondo bake bityo bakaba baduha buruse (bourses) kugira ngo Abanyarwanda bigire gucunga umurage gakondo.

Ibyo byifuzo byakiriwe neza ndetse batwizeza kuzatwohereza impuguke (expert) muri urwo rwego kugira ngo aze ino aha ahugure benshi mu gihe cy'ukwezi kumwe cyangwa abiri aho kohereza benshi mu mahanga kuko bihenda. ayo mahugurwa yabera i Kigali cyangwa i Butare bagahugurwa n'iyo mpuguke ya UNESCO ifatanyije n'umwe mu bakozi ba Minisiteri ifite Umuco mu nshingano zayo.

Ariko ibyo batubwiye kuzabibagezaho mu nyandiko binyujijwe kuri Komisiyo ya UNESCO mu Rwanda (CNRU).

- Ikibazo cy'isubizwa ry'umurage gakondo w'u Rwanda uri mu mahanga cyane cyane mu bihugu by'i Burayi cyari kimwe mu bibazo by'ingenzi twatuye Umunyamabanga wa Komite, Perezida wa ICOM n'izindi ncurabwenge zikora mu Ishami Umurage Gakondo muri UNESCO nka Mohamed ould Khattar, ushinzwe ibibazo by'Afurika muri iryo Shami. Bose inama baduhaye n'iyo gukorana amasezerano (accords bilatéraux) hagati y'Ingoro Ndangamurage y'u Rwanda na Musée Royal de l'Afrique Centrale cyangwa se hagakorwa amasezerano mu rwego rw'ubutwerane hagati y'u Rwanda n'igihugu kidufitiye umutungo gakondo (Ubudage, Ububiligi, Ubutaliyani ...). Batwijeje ko mu gihe ibyo bitagize icyo bigeraho ko aribwo twageza ikibazo cyacu kuri Komite ishinzwe igaruzwa ry'umurage gakondo mu bihugu ukomokamo. Bakaba baraduhaye urupapuro (formulaire type) rwabugenewe rwuzuzwa mu gusaba uwo mutungo.

Kugira ngo icyifuzo (demande) igihugu cyatanze cyemerwe na Komite kigomba kuzuza ibi bikurikira :

- Icyifuzo kigomba kwandikwa ku rupapuro (formulaire type) rwa bugenewe
- Urwo rupapuro rukoreshwa mu gihe ibihugu byombi byatangiye imishyikirano nyamara ikananirwa cyangwa se ikadindira
- Ibaruwa y'icyifuzo igomba kugera kuri Komite byibuze amezi atandatu mbere y'inama.

Ku bijyanye by'umwihariko n'umurage gakondo w'u Rwanda uri i Tervuren mu Bubiligi, kubera y'uko ariho habitse byinshi mu butunzi bwacu buri i Burayi, twasanze ari byiza kubanza gukora urutonde rw'ibintu bihabitse byose ndetse bigafotorwa; nyuma yaho tukazabona kubisaba tubifite kurutonde. Icyo gikorwa Umunyamabanga wa Komite yatwijeje ko Umuryango "Getty Grants Programme" wabidufashamo.

Umuyobozi w'Ingoro Ndangamurage y'u Rwanda yabonanye n'Umuyobozi wa Musée Dapper bavugana k'ubutwererane hagati y'Ingoro Ndangamurage zombi. Uwo mubyeyi yatwijeje kuzohererеza Ingoro Ndangamurage yacu ibitabo ndetse akazanatwohererеza impuguke (expert) mu byo gushishikariza urubyiruko kwandika no gusoma afatanije n'ishami ry'indimi muri Kaminuza y'u Rwanda. Yanatwijeje ko yadufasha mu gutangaza inyandiko zandikishijwe ikaramu (manuscrits de roman) zigenewe urubyiruko rw'Afurika.

Ubutumwa twarimo bwagenze neza ariko igihugu cyacu cyashobora kubibonamo inyungu kurushaho mu gihe ibyo twerekanye haruguru bikurikiranywe mu maguru mashya.
Twifuzaga kandi ko igihugu cyacu cyatangira kwimenyekanisha ku bindi by'inshuti cyane cyane iby'Afurika kugira ngo mu nama y'ubutaha kizatorwe

kuba kimwe mu bigize Komite y'isubizwa ry'umurage gakondo mu bihugu ukomokamo.
Twifuzaga y'uko igihugu cyacu cyashyira umukono ku masezerano ya UNESCO kugira ngo gishobore kugabana inyungu nyinshi zitangwa n'uwo muryango. Ku bijyanye n'umuco twavuga nka :

- Amasezerano ajyanye n'ingamba zafatwa mu kubuza iyinjizwa, isohorwa n'ihererekanywa mu buryo budahwitse ry'umutungo kamere, 14 Ugushyingo 1970 (La convention concernant les mesures à prendre pour interdire et empêcher l'importation, l'exportation et le tranfert illicite de biens culturels, Paris, 14 nov. 1970).

- Amasezerano arengera umutungo kamere mu gihe cy'intambara, la Haye, 14 gicurasi 1954 (La convention pour la protection des biens culturels en cas de conflits armés), La Haye, 14 mai 1954.

- Amasezerano ajyanye no kurengera umurage w'isi, gakondo ndetse n'umurage kamere, Paris, 16 novembre 1972 (La convention concernant la protection du Patrimoine Mondial, Culturel et naturel), adoptée par la Conférence Générale de l'UNESCO à la 17ème Session, Paris, 16 novembre 1972.

Bikorewe i Butare, ku wa 4/02/1999.

**KANIMBA MISAGO** Selesitini
Umuyobozi w'Ingoro
Ndangamurage y'u Rwanda

**BUTOTO** Yohani
Umuyobozi w'Ishami
"Umurage Gakondo" muri
Minisiteri y'Urubyiruko,
Siporo,Umuco no Kwigisha
Imyuga Iciriritse